Birashekeje:njye banyishe urugamba rugitangira sinamenye ibyakurikiyeho!

Umwarimu yasabye abanyeshuri gukora inkuru mu Kinyarwanda iginzwe n'amagambo magana atandatu, arababwira ati "Buri wese yumve ko ari umusirikare maze akore inkuru ivuga ukuntu urugamba rwatangiye n'ukuntu rwarangiye.

Joriji umwe muri abo banyeshuri ariyumviraaaa… abura aho ahera kandi akabona bagenzi be bashishikaye mu kwandika, maze ahagurukana urupapuro rwe arushyira ku meza ya mwarimu.
Mwarimu ati "Joriji ko usohotse vuba ubwo warangije ? Joriji ati "Narangije." Mwarimu agira amatsiko ajya kureba ibyo Joriji yanditse, asanga yanditse ngo :

"**Jye banyishe urugamba rugitangira sinamenye ibyakurikiyeho**."…